**NEVER AGAIN RWANDA**

**INGAMBA ZO KURINDA AMAKURU KU BUZIMA BWITE**

Izi ngamba zisobanura neza uburyo umuryango Never Again Rwanda ukusanya, ubika, urinda ndetse ukoresha amakuru ajyanye n'ubuzima bwite bwawe. Izi ngamba zishyirwaho mu rwego rwo gufasha umuntu kugira amahitamo yo kuba yatanga amakuru ye yihariye. Izi ngamba zikaba zitanga ishusho y'uburyo tubona amakuru, amahitamo ufite mu ikusanyamakuru ndetse no kumenya uburyo akoreshwa.

Mu gihe wiyemeje kuduha amakuru y'ubuzima bwite, ni ngombwa ko uba wemeranya n'ingingo zikubiye muri izi ngamba. Ikindi kandi, mu gihe hari ibindi dushaka gukoresha amakuru yawe areba ubuzima bwite, uzahabwa ububasha maze utange uburenganzira kuri iyo ngingo.

Ni amabwiriza arebana n'amakuru abitse cyangwa yakoreshejwe ku mbuga zacu zitandukanye zirimo (www.neveragainrwanda.org; www.pbirwanda.org; www.youthvoices.org.rw) n'ubundi buryo butandukanye twifashisha mu itangazamakuru ryacu bwite nka Never Again Rwanda.

**Amakuru ajyanye n'ubuzima bwite**

Mu gutegura amabwiriza agenga amakuru bwite, Never Again Rwanda yifashishije amategeko n'amabwiriza yemewe na Repubulika y'u Rwanda. Nk'uko byifashishijwe muri iyi nyandiko, amakuru ajyanye n'ubuzima bwite bw'umuntu ni amakuru aranga cyangwa yihariye ku muntu, ashobora kandi kuba ay'ikintu runaka, urugo, ikigo, umuryango udaharanira inyungu n'ibindi bitandukanye.

Mu bigize amakuru bwite usangamo amazina ya nyayo, agasanduku k'iposita, aderesi imeli, imyirondoro yawe, imyaka, ibyo ukunda, numero y'ubwiteganyirize ndetse n'ibindi.

Never Again Rwanda yakira amakuru y'ubuzima bwite mu gihe wayatanze ku bushake, tuyahawe n'undi muntu wahaye uburenganzira, mu gihe turi mu gikorwa cyangwa umushinga uri kugiramo uruhare cyangwa ubundi buryo ubwo aribwo bwose butavuzwe muri iki gika.

**Uburenganzira bwawe**

Turagushishikariza kutumenyesha mu gihe usanze hari amakuru akwerekeyeho yakoreshejwe uko Atari cyangwa atuzuye ku mbuga za Never Again Rwanda. Mu gihe wifuza ko Never Again Rwanda yahagarika gukoresha amakuru bwite cyangwa imyirondoro yawe. Ibi wabikora utwandikira kuri imeli(Email) yacu ariyo info@neveragainrwanda.org.

Ibi icyo bidufasha ni ukongera ubushishozi mu gihe dukora ikusanyamakuru, kuba dushobora guhita dukura amakuru yawe ku mbuga zacu no kuba NAR yafata umwanzuro ko itazongera gukusanya amakuru ameze gutyo ariko tugakomeza gucunga neza ayo twakusanyije mbere.

**Ikusanyamakuru**

Birashoboka ko ushobora gusura imbuga zacu bitabaye ngombwa ko uduha umwirondoro bwite wawe. Gusa mu gihe usabye kwakira amwe mu makuru, integuza cyangwa ibigezweho tukwaka umwirondoro uzwi mu cyongereza nka personally identifiable information ("PII") ariko ukawuduha ku bushake bwawe aho uba ukubiyemo numero ya telefoni, imeli, agasanduku k'iposita, n'andi makuru agize umwirondoro wawe.

Hari kandi amakuru ahisha umwirondoro wawe ashobora gukusanywa mu gihe usuye imbuga zacu bigendanye na porogaramu nsomamakuru 'browser' cyangwa ubundi buryo ukoresha ubona amakuru.

**Ikigambiriwe n'impamvu**

Mu buryo butandukanye, Never Again Rwanda yifashisha amakuru bwite y'abantu ku mbuga zayo nko mu gihe abanyeshuri cyangwa abakorerabushake biyandikisha muri Peace Building Institute. Iyo abasura urubuga basaba ubukorerabushake, biyandikisha basaba kwitabira PBI cyangwa abasura imbuga zacu basaba kujya bakira amakuru y'ikigo azwi nka "newsletter".

Biba ngombwa ko dusaba ayo makuru kugirango tubashe konoza imikorere y'imbuga zacu, kumenya ibibazo n'ibyifuzo by'abadusura ndetse no kugera ku makuru yadufasha kuzuza inshingano zacu.

**Inyandiko nshyingurabutumwa (Cookies)**

Imbuga za Never Again Rwanda ziyambaza uburyo busanzwe imbuga zose zikoresha mu gukusanyama amakuru buzwi ku izina rya "Cookies" ndetse n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bufasha gutuma abasura imbuga zacu banyurwa ndetse natwe bikadufasha kumenya no gusesengura imikorere y'imbuga zacu. Cookies zibikwa muri porogramu nsomamakuru maze bikadufasha kumenya uwasuye imbuga zacu ibyo akunda gushaka kuri interineti. Cookies ntabwo zigaragaza aderesi imeli cyangwa ibindi bigize umwirondoro bwite w'umuntu.

Ku bijyanye no gusesengura abasura imbuga zacu bizwi nka "analytics", dushobora gukusanya amakuru ku mbuga wasuye, 'links' cyangwa inkuru zo kwamamaza washakishije igihe wari wasuye urubuga rwacu.

Never Again Rwanda ibasha kubona ayo makuru gusa mu gihe wayatanze ku bushake bwawe. Amakuru bwite wahisemo gutanga cyangwa indi myirondoro yawe mu gihe winjiye ku mbuga zacu abikwa muri "cookies". Ikindi kandi kubona amakuru yose ku rubuga ntibigenda neza iyo uburyo bwo kubika amakuru "cookies" bufunze.

**Umutekano w'amakuru**

Never Again Rwanda ishyira imbaraga mu kurinda no kubungabunga amakuru bwite y'abantu mu rwego rwo kwirinda kuyabura, kuba yakoreshwa nabi cyangwa kuba yahindurwa mu gihe ari twe tuyafite. Ariko nanone ntidufite ububasha bwo kurinda 100% umutekano w'amakuru yose acicikana kuri murandasi.

Twifashisha porogaramu zitandukanye n'ubundi buryo bwifashishwa mu kohereza amakuru buba bwarashyizweho n'abantu bizewe mu bijyanye no kubika no kohereza amakuru mu ibanga. Gusa ntabwo dufite

ububasha bwo kugenzura umutekano w'izindi mbuga ushobora gusura, mushobora kwandikirana cyangwa gukorana ubucuruzi.

Mu gihe tumenye ko amakuru yawe adafite umutekano uhagije, turabikumenyesha kugirango ubashe kongera ubwirinzi aho tubinyuza kuri aderesi imeli waduhaye. Bigendanye n'imyirondoro yawe, ushobora kuba ufite uburenganzira bwemewe n'amategeko bwo kwakira itangazo mu nyandiko cyangwa ubundi buryo NAR isanzwe ikoresha nka aderesi imeli. Iyo ushaka kujya wakira amatangazo nteguza ku mutekano mucye, cyangwa guhagarika kwakira ayo matangazo mu buryo bw'ikoranabuhanga, ushobora kubitumenyesha.

**Ibijyanye no gutanga amakuru bwite dufite**

Ntabwo tugurisha, dutanga cyangwa ngo dukodeshe amakuru ku bandi bantu batari abafatanyabikorwa bacu, abakozi, abantu bizewe cyangwa amashyirahamwe n'ibigo bidushamikiyeho nabwo mu gihe bihuye n'ibikorwa byacu cyangwa kuzuza inshingano ikigo cyacu cyiyemeje.

Dushobora gutanga amakuru ahantu twizeye neza mu gihe dushaka serivisi, mu gihe dufitanye imikoranire, muri za raporo zacu ndetse n'ibindi bikorwa bifite aho bihuriye n'ikigo cyacu. Ntitubyaza inyungu amakuru bwite yakusanyirijwe kwifashishwa mu bikorwa byacu. Ikindi kandi, dushobora gusangira amakuru bwite n'abandi bantu mu gihe bikurikije ingingo zigize izi ngamba.

Ariko kandi, dushobora gutanga amakuru yawe mu gihe habaye ihamagazwa, mu gihe tubitegetswe n'icyemezo cy'urukiko, mu gihe dusabwe gufatanya n'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko cyangwa urundi rwego rwa Leta rwo ku isi.

Amakuru bwite kandi ashobora gutangwa mu gihe bigaragaye ko yafasha mu iperereza, gukumira cyangwa kurwanya ibikorwa binyuranyije n'amategeko, n' ibindi bikorwa bibi mu rwego rwo kurengera uburenganzira, umutungo cyangwa ubusugire bw'ikigo, abagenerwabikorwa bacu n'abandi bitewe n'imizi y'ikibazo . Dukora ibishoboka byose ngo tukumenyeshe mu gihe amakuru yawe yaba atanzwe mu buryo butandukanye n'ibikubiye muri izi ngamba (urugero mu gihe amakuru yinjiriwe).

**<u>Gucunga amakuru kinyamwuga</u>**

Dukora ibishoboka ngo amakuru ajyanye n'ubuzima bwite twakira, dukusanya cyangwa tubika abe afite gihamya, yujuje ibisabwa kandi yizewe. Twemera inshingano zo gucunga neza no kubika ibanga ku makuru aba yakusanyijwe.

Muri rusange tubika amakuru y'ubuzima bwite neza mu rwego rwo kuyifashisha mu kugera ku ntego zacu ndetse no mu bindi bikorwa bigamije guteza imbere sosiyete. Dushobora kandi kugera ku makuru bitewe nuko hari abandi bantu batwifashishije mu bikorwa runaka. Bivuze ko dushobora gutunga amakuru bwite twakusanyije mu izina ry'urundi ruhande dufitanye amasezerano. Dufite kandi uburenganzira bwo gutunga amakuru mu gihe runaka cyemewe n'amategeko, mu gihe kigenwa n'amategeko atugenga aho ayo makuru ashobora no kwifashishwa mu buryo bwo gukemura amakimbirane cyangwa kubahiriza amasezerano.

**Ibijyanye na "Links" z'izindi mbuga**

Imbuga zacu zishobora gushyirwaho imiyoboro izwi nka "links" zikujyana ku zindi mbuga z'abandi bantu n'imbuga zibashamikiyeho. Izo mpande zindi zishobora kubona amakuru bwite yawe(Ibi ntabwo ari twe tubikora. Niko internet mur irusange ikora) ndetse seriveri za mudasobwa zabo zishobora kuba ziri mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu. Ntabwo dufite ububasha n'inshingano zo kugenzura umutekano w'amakuru afitwe n'abo bantu.

Turagushishikariza kugenzura neza ingamba z'abandi bantu bashobora kugera ku makuru y'ubuzima bwite akwerekeyeho kugirango umenye uko bakoresha amakuru wabahaye ndetse ubashe kugenzura niba uburyo babika amakuru y'ibanga bidahabanye n'ibikubiye muri izi ngamba.

**Gukemura amakimbirane**

Amakimbirane yose afite aho ahuriye n'izi ngamba azagengwa kandi asobanurwe hashingiwe ku mategeko y'u Rwanda. Amakimbirane akomoka kuri aya masezerano azoherezwa mu kigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali (KIAC), imbere y'umukemurampaka umwe. Abakemurampaka bazatoranwa hifashishijwe amategeko agenga KIAC ariko ku bwumvikane bw'impande bireba. Ikindi kandi umunyamategeko agomba kuba yemewe n'amategeko y'u Rwanda. Nta ruhande muri izi ngamba ruzavuguruza ububasha bw'amategeko cyangwa ngo ruhindure ahantu hateganyijwe muri iki gika. Ikindi kandi nta kintu gikubiye hano gishobora kubuza umuburanyi kubona ubutabera.

**Guhindura izi ngamba**

Dufite uburenganzira bwo guhindura izi ngamba igihe icyo ari cyo cyose. Niba duhisemo guhindura izi ngamba, tuzabyandika hano cyangwa ahandi tubona ari ngombwa, uzashobora kumenya amakuru dukusanya, uko tuyakoresha ndetse n'izindi mpinduka. Niba hari ibyo duhinduye, tuzakumenyesha haba kuri imeli cyangwa kuri uru rubuga. Ayo makuru azakoreshwa hakurikijwe ibikubiye muri izi ngamba.

**Ikoreshwa ry'amakuru afitwe na NAR**

Ibyashyizwe ku mbuga zose za Never Again Rwanda zirimo (www.neveragainrwanda.org , www.pbirwanda.org , www.youthvoices.org.rw) no mu zindi nyandiko ni umutungo wa NAR mu by'ubwenge ndetse NAR ifite uburenganzira bwose kuri ayo makuru n'ibijyanye nayo byose.

Birabujijwe rero kwiba amakuru ya NAR ndetse umuntu wese ushaka kuyakoresha agomba gusaba uruhushya NAR mu nyandiko abinyujie kuri aderesi imeli: info@neveragainrwanda.org. Icyemezo cyose cya NAR kigomba gutangwa mu nyandiko.

**Ubaye ufite ikibazo cyangwa icyo ushaka gusobanuza bigenda gute?**

Ku bibazo, ibisobanuro n'ibyifuzo birebana n'izi ngamba bisubizwa na Never Again Rwanda kuri aderesi zikurikira: KG 9 Avenue Office 58 Nyarutarama, Tel. +250 788 386 688, Imeli: info@neveragainrwanda.org, Agasanduku k'iposita: 4969 Kigali-Rwanda.